Repubulika y'u Rwanda
Intara y'Iburasirazuba
Akarere ka Rwamagana

# ITANGAZO RIGENEWE ABAFUZA AKAZI KO KWIGISHA K'IGIHE GITO

Nshingiye ku ibaruwa No 2188/12.00/2024 yo kuwa 22/11/2024, Umunyamabanga wa Leta muri Minisiteri y'Uburezi yandikiye Abayobozi bose b'Uturere abagezaho imirongo ngenderwaho mu gushaka no gushyira mu myanya abarimu b'abasimbura,

Ubuyobozi bw'Akarere ka Rwamagana buramenyesha ababyifuza kugeza dosiye zisaba ku bigo by'amashuri biherereye mu mirenge ibegereye bitarenze kuwa 10/01/2025.

**Dosiye isaba igomba kuba igizwe n'ibi bikurikira:**

1. Ibaruwa isaba yandikiwe Umuyobozi w'Ishuri (aho usaba yifuza gukorera)
2. Kopi y'impamyabumenyi (A2/A1/A0) iherekejwe n'indangamanota (Academic Transcript/Report)
3. Kopi y'indangamuntu.

<u>Icyitonderwa</u>:

- Usaba agomba kuba yemera gukorera ku masezerano y'igihe gito (igihe kingana n'icyagenewe uwo asimbura).
- Usaba agomba kuba yemera gukorera ku kigo atasabyeho mu gihe aho yasabye hatabonetse umwanya.
- Usaba agomba kuba yarize ibihuye n'amasomo uwo asimbuye yigishaga
- Usaba agomba kuba atarambuwe uburenganzira bwo kuba umukozi wa Leta
- Usaba agomba kuba nta kandi kazi afite.
- Buri Muyobozi w'ikigo cy'ishuri ushyikirijwe ubusabe, agomba kubushyira muri sisiteme ya TMIs.

**Bikorewe i Rwamagana kuwa 03/01/2025.**

**MBONYUMUVUNYI Radjab**
Umuyobozi w'Akarere ka Rwamagana

**P.o Box: 24 Rwamagana** **Toll Free: 3836** **E-mail : info@rwamagana.gov.rw**